

## ITANGAZO

Mu rwego rwo kwirinda umuvundo ukunze kugaragara ahategerwa imodoka zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange mu gihe cy'iminsi mikuru isoza umwaka, Urwego Rushinzwe Kugenzura Imirimo imwe n'imwe Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA) ruragira inama abanyarwanda n'abaturarwanda gutegura ingendo zabo hakiri kare.

RURA kandi iboneyeho gusaba ibigo bitwara abagenzi mu buryo bwa rusange gukomeza guharanira gutanga serivisi inoze no kwitwararika birinda umuvuduko ukabije ushobora guteza impanuka.

Uwagira ikibazo yahamagara RURA kuri telephone itishyuzwa **2222**.

Tubifuriye umwaka mushya muhire wa 2023.

